UBUSHINJACYAHA BUKURU

# ISHUSHO Y'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NAYO MU MYAKA 3 ISHIZE

NYAKANGA 2017 – KAMENA 2020

## IBIRIMO

I. INTANGIRIRO....2

II. UKO AMADOSIYE YAGIYE YINJIRA MU MYAKA 3 N'ABAYAKURIKIRANYWEMO ....2

III. ABAKURIKIRANYWE MU MADOSIYE Y'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE HAKURIKIJWE ICYICIRO CY'IMYAKA (AGE GROUP)....3

IV. IMANZA ZASOMWE N'INKIKO, ABAZIREZWEMO + CONVICTION RATE ....4

V. ISHUSHO Y'INGENGABITEREZO YA JENOSIDE MU TURERE HASHINGIWE KU MADOSIYE YATUGARAGARAYEMO ....4

VI. ISHUSHO Y'INGENGABITEREZO YA JENOSIDE MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI ....5

VII. UMWANZURO ....5

# ISHUSHO Y'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NAYO MU MYAKA 3 ISHIZE (2017-18, 2018-19 & 2019-2020)

## I. INTANGIRIRO

Iki cyegeranyo kiragaragaza ishusho y'ingengabirekerezo ya genocide n'ibyaha bifitanye isano nayo[1] mu myaka itatu ishize, ni ukuvuga guhera Nyakanga 2017 kugeza Kamena 2020. Twibanze cyane ku myaka 3, kuko bwo twatangiye gukoresha IECMS, ifasha kubona amakuru yose akenewe kuri dosiye. Muri iki cyegeranyo ntiharimo guhakana no gupfobya jenoside kuko byo bizagaragara mu cyegeranyo kiri gutegurwa.

Kiribanda cyane ku madosiye yinjije n'abayakurikiranywemo, imanza zasomwe n'Inkiko n'ikigero Ubushinjacyaha bwazitsindiyeho ndetse ubwiganze bw'ibi mu Turere, Intara n'Umujyi wa Kigali.

## II. UKO AMADOSIYE YAGIYE YINJIRA MU MYAKA 3 N'ABAYAKURIKIRANYWEMO

| Umwaka | Dosiye zinjiye | Abazikurikiranywemo | | | Izarege we Inkiko | Izashyi nguwe | Izakozwe zose | Izasigaye mu mpera za Kanama | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | | | |
| 2017-18 | 333 | 79 | 324 | 403 | 214 | 111 | 325 | 8 | 97.6 |
| 2018-19 | 293 | 91 | 270 | 361 | 193 | 95 | 288 | 5 | 98.3 |
| 2019-20 | 323 | 118 | 290 | 408 | 211 | 105 | 316 | 7 | 97.8 |
| **Total** | **949** | **288** | **884** | **1,172** | **618** | **311** | **929** | **20** | **97.9** |

**Note:**

- Amadosiye y'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo ntabwo yiyongereye nk'uko byagaragaye ku bindi byaha muri iyi myaka 3 yavuzwe haruguru.

- Amadosiye **949** yinjijye mu myaka **3,** yakurikiranywemo abantu **1,172** barimo abagore **288** bangana na **24.5%** n'abagabo **884** bangana na **75.5%,** bivuze ko abagabo ari bo biganje cyane mu gukora ibi byaha, ibi bikaba bidatandukanye no ku bindi byaha ,kuko n'ubundi abagabo ari bo benshi babigaragaramo.

- Mu madosiye yakiriwe, **618** angana na **66.5%** by'ayafatiwe umwanzuro yose yaregewe Inkiko, bivuze ko hari ibimenyetso bigaragaza ko icyaha cyakozwe, mu gihe **311** angana na **33.5%** yashyinguwe.

[1] **Ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo:** Ingengabitekerezo ya jenoside, Guhakana jenoside, Gupfobya jenoside, Guha ishingiro jenoside, Kuzimiza cyangwa gutesha agaciro ibimenyetso cyangwa amakuru byerekeye jenoside, Kwiba cyangwa kwangiza imibiri y'abazize jenoside, Gusenya, konona cyangwa gutesha agaciro urwibutso rwa jenoside cyangwa ahashyinguye imibiri y'abazize jenoside, Guhohotera uwacitse ku icumu rya jenoside.

## III. ABAKURIKIRANYWE MU MADOSIYE Y'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE HAKURIKIJWE ICYICIRO CY'IMYAKA (AGE GROUP)

| Umwaka yavutseho | Imyaka afite | Umubare w'abakurikiranywe | Ijanisha (%) |
|---|---|---|---|
| 2004-1994 | 16-26 | 72 | 8.0% |
| 1993-1985 | 27-35 | 198 | 22.0% |
| 1984-1975 | 36-45 | 279 | 30.9% |
| 1974-1965 | 46-55 | 168 | 18.6% |
| 1964-1955 | 56-65 | 129 | 14.3% |
| 1954 gusubira inyuma | Hejuru ya 65 | 56 | 6.2% |
| **IGITERANYO** | | **902** | **100%** |




**Note:**

- Mu bantu **1,172** bakurikiranywe, **902** nibo twaboneye amatariki bavukiyeho, twifashishije aba **902** mu gusesengura uko ingengabitekerezo ya jenoside ihagaze hakurikijwe ibyiciro by'imyaka abayikurikiranyweho barimo.

- Nk'uko bigaragara ingengabitekerezo ya jenoside yiganje cyane mu cyiciro cy'abantu bari hagati y'imyaka **36** na **45** ni ukuvuga abantu jenoside yakorewe abatutsi yabaye bafite hagati y'imyaka **10** na **19** bangana na **30.9%.**

- Hakurikiraho ikiciro cy'abantu jenoside yabaye bafite hagati y'umwaka **1** n'imyaka **9** bangana na **22%**

- Mu gihe abavutse nyuma ya jenoside ari **8%;**

- Ikiciro kigaragaramo ingengabitekerezo ya jenoside ku rugero rwo hasi ni abari hejuru y'imyaka **65** bangana na **6.2%,** bishobora guterwa n'uko n'ubundi aba bantu ari bake ugereranije n'ibindi byiciro.

## IV. IMANZA ZASOMWE N'INKIKO, ABAZIREZWEMO + CONVICTION RATE

| Umwaka | Imanza zasomwe | Abaregwaga | | | Izo Ubushinjacyaha bwatsinze | Izo Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Conviction rate |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagore | Abagabo | Bose | | | |
| 2017-18 | 209 | 50 | 184 | 234 | 156 | 53 | 74.6 |
| 2018-19 | 134 | 46 | 172 | 218 | 101 | 33 | 75.4 |
| 2019-20 | 154 | 55 | 155 | 210 | 123 | 31 | 79.9 |
| **Igiteranyo** | **497** | **151** | **511** | **662** | **380** | **117** | **76.5** |

**Note:**

- Ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza z'Ingengabitekerezo ya jenoside cyagiye kiyongera mu myaka 3 ishize kiva kuri **74.6**% muri 2017-18 kigera kuri **79.9**% muri 2019-2020, ni ukuvuga ko kiyongereyeho **5.3%.**

## V. ISHUSHO Y'INGENGABITEREZO YA JENOSIDE MU TURERE HASHINGIWE KU MADOSIYE YATUGARAGARAYEMO




**Note:**

- Gasabo, Kicukiro na Huye nizo ziza imbere mu kugaragaramo amadosiye menshi y'Ingengabitekerezo ya jenoside, mu gihe Gakenke, Nyabihu na Burera ari zo zagaragayemo amadosiye make mu myaka itatu ishize.

## VI. ISHUSHO Y'INGENGABITEREZO YA JENOSIDE MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI

| No | Intara/Umujyi wa Kigali | Amadosiye yagaragaye | Ijanisha (%) |
|---|---|---|---|
| 1. | Intara y'Amajyepfo | 262 | 27.6% |
| 2. | Intara y'Iburasirazuba | 223 | 23.5% |
| 3. | Umujyi wa Kigali | 163 | 17.2% |
| 4. | Intara y'Iburengerazuba | 141 | 14.9% |
| 5. | Intara y'Amajyaruguru | 72 | 7.6% |
| 6. | Unspecified (Ntibagaragaje Intara) | 88 | 9.3% |

**Note:**

- Intara y'Amajyepfo ni yo yagaragayemo amadosiye menshi y'Ingengabitekerezo ya jenoside angana **27.6%,** mu gihe Intara y'Amajyaruguru ari yo yagaragayemo amadosiye make angana na **7.6%.**

## VII. UMWANZURO

Muri iyi myaka itatu yifashishijwe mu gusesengura uko icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo bihagaze mu Rwanda, hashingiwe ku madosiye yinjiye mu Bushinjacyaha Bukuru, byagaragaye ko atiyongereye nk'uko byagenze ku bindi byaha, aho muri iyi myaka amadosiye yabyo yagiye yiyongera cyane.

Mu bakurikiranyweho ibi byaha, abagabo nibo benshi bangana na **75.5%,** bikaba bidatandukanye no ku bindi byaha, kuko na byo usanga ababikurikiranwaho cyane ari abagabo. Ibi byaha byiganje cyane mu Bantu bari hagati y'imyaka **36** na **45**, ni ukuvuga abo jenoside yakorewe abatutsi yabaye bafite hagati y'imyaka **10** na **19** bangana na **30.9%,** mu gihe mu bavutse nyuma ya jenoside ari **8%.**

Muri iki gihe, Ubushinjacyaha Bukuru bwazamuye ikigero butsindiraho imanza z'ibi byaha (Conviction rate), kiva kuri **74.6**% muri 2017-18 kigera kuri **79.9**% muri 2019-2020, ni ukuvuga ko kiyongereyeho **5.3%.**

Ibi byaha byiganje cyane mu **Ntara y'Amajyepfo** kuko muri iyi myaka, **27.6**% by'amadosiye yose yinjiye mu Bushinjacyaha Bukuru ari ho yaturutse, mu gihe Intara y'Amajyaruguru ari yo yagaragayemo amadosiye make angana na **7.6%.**

Birakwiye ko Ubushinjacyaha Bukuru n'izindi nzego zifatanya nabwo mu rugamba rwo kurwanya ibi byaha, bashyira imbaraga mu bukangurambaga bugamije gukangurura abaturage kwirinda ibi byaha, hibandwa cyane mu duce twagarageyemo cyane ibi byaha ndetse n'ibyiciro by'abantu bakunze gukora ibi byaha.